

**ITANGAZO**

**Guhamagarira ababyifuza kwitabira amahugurwa y'uburyo bwo kunoza ubuziranenge bw'ibiribwa hashingiwe ku ibwiriza ry'ubuziranenge RS ISO 22000: 2018**

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyashyizeho gahunda ihoraho yo kongerera inzego za leta n'abikorera ubumenyi ku mabwiriza y'ubuziranenge n'ishyirwa mu bikorwa ryayo mu rwego rwo kurushaho kunoza ubuziranenge n'ubwiza bw'ibicuruzwa ndetse hanatangwa serivisi inoze, ibyo bigafasha mu guhiganwa ku isoko ry'imbere mu gihugu, iryo mu karere ndetse n'iryo ku rwego mpuzamahanga.

Abazitabira ayo mahugurwa bazahabwa ubumenyi bwimbitse buzabafasha kumenya neza ibisabwa n'ibwiriza ry'ubuziranenge ryavuzwe haruguru, bityo bibafashe gushyiraho uburyo buboneye bwo gukumira ibyatuma ubuziranenge bw'ibiribwa butagerwaho.

Ni muri urwo rwego RSB yateguye ikaba inaboneyeho guhamagarira abafite aho bahuriye na serivisi zavuzwe haruguru babyifuza kwiyandikisha basaba kwitabira aya mahugurwa azamari iminsi itanu(5) ateganijwe gutangira kuwa 21 kugeza 25 Ukwakira 2024 kuri Ubumwe Grande Hotel, Kigali. Abifuza kuyitabira basabwe kuzuzwa ifishi yabugenewe bitarenze kuwa 09 Ukwakira 2024.

Uwifuza kwiyandikisha yakwifashisha umurongo ukurikira: <https://forms.gle/rMyHF5NQwbNEyjDG8>. Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwe kuzuriza buri wese ifishe ye.

Ku byerekeranye n'ikiguzi cyo kwitabira aya mahugurwa ndetse n'ibindi bisobanuro, mwahamagara MUKABAYIZERE Denyse Joy kuri telephone ngendanwa +250788212673 cyangwa mukamwandikira kuri email [dj.mukabayizere@rsb.gov.rw](mailto:dj.mukabayizere@rsb.gov.rw).

Bikorewe i Kigali ku wa 30./09./2024

  
MURENZI Raymond  
Umuyobozi Mukuru

